

Gusaba koroherezwa ku bafite ubumuga

Kugira ngo ushobore koroherezwa mu rukiko bitewe n'uko ufite ubumuga, bisabe urukiko hakiri kare mbere y'itariki wahawe yo kuburana. Kugira ngo usabe koroherezwa:

- Koresha ifishi yo "Gusaba koroherezwa" igihe ari ngombwa;
 - Ushobora gusaba iyo fishi ku mwanditsi w'urukiko cyangwa se ukayikura ku rubuga rw'Ishami ry'Ubucamanza kuri: www.courts.maine.gov/ada. Shyikiriza ifishi umwanditsi w'urukiko cyangwa se uyohereze kuri e-mail: accessibility@courts.maine.gov cyangwa se ku biro bishinzwe gufasha abagana inkiko.
- Ohereza e-mail kuri accessibility@courts.maine.gov; cyangwa se
- Uhamagare ku biro bishinzwe gufasha abagana inkiko kuri 207-822-0718 (Maine Relay 711).

Mu gihe usaba ubufasha bitewe n'uko ufite ubumuga, shyiramo ko:

- Ufite ubumuga unasanure ubwo ari bwo;
- itariki yawe yo kuburana n'urukiko rwakiriye ikirego cyawe;
- ubufasha nyirizina ukeneye; ndetse
- n'impamvu ukeneye ubwo bufasha.

Ntuzagire inyandiko n'imwe cyangwa se impapuro zo kwa muganga wohera ku rukiko, usibye gusa igihe ubisabwe.

Uzasabwa gutanga impapuro zo kwa muganga gusa igihe zikenewe kugira ngo hafatwe umwanzuro ku bufasha bwo koroherezwa wasabye. Amakuru ayo ari yo yose uzatanga ajyanze no kwivuza azagirwa ibanga. Azatangwa gusa igihe bikenewe kugira ngo hafatwe umwanzuro ku bufasha bwo koroherezwa wasabye cyangwa se igihe bisabwe n'itegeko.

Inyamaswa mu rukiko

Inyamaswa zifasha abantu ziremewe mu nkiko zo muri Leta ya Maine. Inyamaswa iboneka ifasha abantu ni imbwa, cyangwa se ifarashi nto, yatojwe gukora imirimo cyangwa gukora ibikorwa bidasanze bifasha umuntu

ufite ubumuga. Inyamaswa zo mu rugo ntizemewe mu ngoro y'urukiko. Imbwa zitanga ihumure, ubujyanama, cyangwa ubufasha mu by'amarangamutima si inyamaswa zitanga ubufasha zisabwa kwemerwa n'itegeko rya ADA, kuko zitatojwe gukora imirimo cyangwa inshingano zihariye zo gufasha umuntu ufite ubumuga. Imbwa zitanga ihumure, ubujyanama, cyangwa ubufasha mu by'amarangamutima zizemererwa kwinjira mu ngoro y'urukiko gusa nko koroherezwa, igihe byasabwe mbere binyuze mu biro by'urukiko cyangwa ubuyobozi bw'urukiko, kandi byemejwe n'umucamanza.

Kuba intumwa z'urukiko ku bantu bafite ubumuga

Abantu bafite ubumuga bashishikarizwa kujya mu ntumwa z'urukiko kandi bitewe n'akamaro uwo murimo ufite mu mikorere y'inzeho z'ubutabera zacu, ntibashobora kubuzwa gukora uwo murimo bitewe n'ubumuga bafite.

Umuntu ufite ubumuga wasabwe kuba intumwa y'urukiko ashobora gusaba koroherezwa bijyanze n'ubumuga afite, yandika agaragaza ko afite ubushobozi bwo gukora uwo murimo cyangwa se akuzuza ifishi y'uburyo bwo koroherezwa yifuza. Ashobora kandi guhamagara ku biro by'umwanditsi w'urukiko cyangwa se akajya ku biro bishinzwe gufasha abagana inkiko.


Umuntu ufite ubumuga ashobora gusaba kudashyirwa mu ntumwa z'urukiko yandikira ibiro by'umwanditsi w'urukiko akagaragaza icyemezo cyatanzwe na muganga cyangwa se indi nyandiko ishyingikira ubusabe bwe yatanze na muganga igaragaza ko akwiye kudashyirwa muri uwo murimo.

Aho wabariza

Ibiro by'Ubuyobozi bw'Inkiko
Ibiro bishinzwe korohereza abagana inkiko
Agasanduku k'iposita 4820, Portland,
ME 04112-0792
accessibility@courts.maine.gov
(207) 822-0718 cyangwa Maine Relay 711

Ku bindi bisobanuro by'uburyo wasaba koroherezwa ku bantu bafite ubumuga, wasura urubuga: www.courts.maine.gov/ada

Serivisi z'inkiko ku bantu bafite ubumuga: Uko wasaba koroherezwa



Inkiko zo muri Leta ya Maine na ADA

Inkiko zo muri Leta ya Maine zubahiriza uburenganzira bwanyu hashingiye ku Itegeko rigenga Abanyamerika bafite ubumuga (ADA) n'itegeko rigenga uburenganzira bwa muntu muri Maine (MHRA). Buri ngoro y'urukiko ifite parikingi, inzira, ibyumba by'iburanisha n'ubwihereho byagenewe abantu bakoresha ibikoresho bibafasha kugenda nk'imbago, amagare y'abamugaye atwarwa n'intoki ndetse n'atwarwa n'amashanyarazi.

Ishami ry'Ubucamanza rya Leta ya Maine rizafasha kandi abantu bafite ubumuga kugira ngo babashe kwinjira mu nkiko no guhabwa serivisi mu buryo bukwiye kandi mu buryo bubafitiye akamaro. Inkiko zizategura ubufasha n'ibikoresho by'ubantu ku bantu bafite ubumuga kugira ngo babashe kwitabira ibikorwa byabo bibera ku rukiko. Inkiko zishobora kandi guhindura imikorere yazo, mu buryo buboneye, kugira ngo zifashe umuntu bitewe n'uko afite ubumuga. Ubu bufasha kandi buzwi nko "koroherezwa mu buryo buboneye" cyangwa se "korohereza abafite ubumuga".

Ni nde wemerewe koroherezwa bitewe n'uko afite ubumuga?

Urukiko rushobora guteganyiriza umuntu ufite ubumuga bw'umubiri cyangwa ubw'imitekerereze ubufasha, serivisi, cyangwa guhindura imikorere yarwo, iyo ubwo bumuga bumugabanyiriza ubushobozi bwo gukora ibikorwa by'ingenzi by'ubuzima, nko kugenda, kubona, kumva, cyangwa kuvuga.

Kugera ku nyubako z'urukiko

Urukiko rwizeza abantu ko bashobora kugera kuri parikingi y'inyubako yarwo, ku muryango warwo, mu byumba by'iburanisha, no mu bwihereho. Ku bindi bisobanuro bijyanye n'uburyo umuntu agera ku rukiko, mwabaza ku biro by'umwanditsi w'urukiko cyangwa se ibiro bishinzwe korohereza abagana inkiko kuri accessibility@courts.maine.gov cyangwa mukabahamagara kuri 207-822-0718 (Maine Relay 711).

Niba wumva udashobora kwitaba urukiko imbonankubone kubera ubumuga bwawe, ushobora gusaba urukiko kukwemerera kwitabira hifashishijwe Zoom cyangwa telefone. Kugira ngo ubisabe, ugomba kuzaza ifishi yo "Gusaba kwitabira iburanisha hakoreshejwe ubundi buryo" [Motion for Alternative Format for Court Proceeding (MJB form CR-CV-FM-260)], ukagenera kopi y'iyi fishi yuzuye ku bandi bari mu rubanza rwawe, hanyuma ukayishyikiriza umwanditsi w'urukiko (waba ubikoze imbonankubone cyangwa uyohereje ku iposita) mbere y'itariki y'iburanisha ryawe.

Niba wumva udashobora kwitaba urukiko ku itariki wahawe, ku mpamvu iyo ari yo yose harimo n'impamvu zijyanye n'ubuzima, ushobora gusaba urukiko kwimura itariki y'iburanisha ryawe. Kugira ngo ubisabe, ugomba kuzaza ifishi yo "Gusaba gukomeza" [Motion to Continue (MJB form CR-CV-FM-JV-PA-PC-286)], ukagenera kopi y'iyi fishi yuzuye ku bandi bari mu rubanza rwawe, hanyuma ukayishyikiriza umwanditsi w'urukiko (waba ubikoze imbonankubone cyangwa uyohereje ku iposita) mbere y'itariki y'iburanisha ryawe.

Amafishi aboneka ku rubuga rwa interineti rw'Ishami ry'Ubucamanza rya Leta ya Maine cyangwa mu biro by'umwanditsi w'urukiko uwo ari we wese.

Ubufasha na serivisi

Ubufasha na serivisi ku rukiko bushobora kuba:

Ibyuma bifasha kumva, ibizwi nk' "ubufasha bwo kumva" —saba umwanditsi w'urukiko cyangwa ushinzwe umutekano mu rukiko uburyo wabona ibyo byuma igihe ugeze ku rukiko;

Imiterere y'innyandiko zicapuye mu ngano nini, imyandikire ifasha abafite ubumuga bwo kutabona izwi nka braille, cyangwa se ibyuma bifasha mu kumva;

Innyandiko ziherekeza amajwi z'ibikorwa by'urukiko, zikorwa hifashishijwe Ikoranabuhanga risemura inyandiko mu buryo bw'ako kanya (CART) cyangwa se inyandiko ziherekeza amajwi zisanzwe [CC];

Abasemuzi bo mu rurimi rw'amarenga; ndetse

Uburenganzira bwo gukoresha umuntu ukunganira ku giti cyawe.

Ubufasha ushobora kubona mu Rukiko

Inkiko zizatanga ubufasha bukwiye bwo korohereza abafite ubumuga kandi zizakora impinduka zikwiriye mu bikorwa byazo, ariko amategeko ntasaba Ishami ry'Ubucamanza gukora mu buryo bwatuma habaho:

- Guhindura imiterere y'ibikorwa na serivisi z'urukiko;
- guca amafaranga y'umurenge;
- kugorana gushyirwaho, cyangwa se kudashobora gushyirwaho; cyangwa
- guhindura ibyo itegeko risaba mu rubanza.

Kimwe no ku bantu bafite ubumuga, inkiko:

- **Ntizifite** serivisi z'abunganizi mu mategeko, ntizikora ubushakashatsi mu by'amategeko, ntizitanga inama mu by'amategeko, kandi ntizatanga ibisobanuro by'amategeko;
- **ntizifite** intebe z'abamugaye, utwuma dufasha kumva ku bafite ubumuga bwo kutumva, amadarubindi cyangwa se ibindi bikoresho bigenewe abantu ku giti cyabo;
- **ntizikora** intebe z'abamugaye, ntizifasha mu gusunika amagare cyangwa se intebe z'abamugaye, ntizishobora guhindura cyangwa se gutunganya utwuma dufasha kumva ku bantu bafite ubumuga bwo kutumva, kandi ntizishobora gutanga ubundi bufasha ku muntu ku giti cye;
- **ntizitanga** lifuti zo kujya cyangwa kuva ku ngoro y'urukiko cyangwa izindi serivisi z'abantu ku giti cyabo;
- **ntizifite** imashini zisomerwaho inyandiko z'abantu ku giti cyabo cyangwa se zo kwigiraho;
- **ntizishobora** kwimura itariki y'iburanisha, binyuze mu nyandiko "isaba kwimura itariki y'iburanisha", inshuro zirenga imwe hatabayeho kugaragaza impamvu ifatika; ndetse
- **ntizishobora** kongera igihe cyagenwe n'itegeko.